## Iteganyagihe ry'imvura yo mu Kwezi kwa Mata 2020

Mu kwezi kwa Mata 2020 hateganyijwe imvura iri hagati ya 150 na 200 mm mu gice kinini kigize uturere twa Nyagatare, Gatsibo na Kayonza, hagati ya 200 na 300 mm mu mujyi wa Kigali, mu turere twa Rwamagana, Ngoma, Kirehe no gice gito kigize akarere ka Kayonza, Gatsibo, Nyagatare na Gicumbi, hagati ya 300 na 400 mm z'imvura kandi ziteganyijwe mu ntara y'Amajyaruguru n'Amajyepfo ukuyemo igice kinini kigize uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru n'agace gato ka Gakenke. Imvura ingana gutya kandi iteganyijwe mu gice gito cy'uburasirazuba bw'uturere tea Karongi na Ngororero ndetse no mu kibaya cya Bugarama. Ahasigaye hose mu Ntara y'iburengerazuba no mu gice kinini cy'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe n'agace gato ka Gakenke hateganyijwe imvura iri hagati ya 400 na 450 mm. Mu gice cya kabiri n'icya gatatu cya Mata niho hateganyijwe imvura nyinshi ugereranyije n'igice cya mbere.

Imvura iteganyijwe muti Mata 2020 iri ku kigero cy'imvura isanzwe igwa muri Mata henshi mu gihugu, uretse mu ntara y'i Burengerazuba izaba iri hejuru gato y'imvura isanzwe ihagwa muri Mata. Imvura isanzwe igwa muri Mata iri hagati ya 150 na 400 mm bitewe n'ahantu.

Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku isangano ry'imiyaga ituruka mu gice cya ruguru cy'Isi ni ituruka mu gice cy'epfo (ITCZ) izahurira mu karere urwanda ruherereyemo, hamwe n'ubucshyuhe bwo mu Nyanja ya Pasifika n'iy'Ubuhinde buri mu kigero gisanzwe.




P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda